REPUBLIC OF RWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

OFFICE OF THE PERMANENT SECRETARY

Kigali, 12 MAY 2023

No, 0908/11:30/PS

Madamu/Bwana.............................

**Impamvu: Ubutumire mu Imurikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi inejejwe no kubatumira mu **Imurikabikorwa rya 16 ry'Ubuhinzi n'Ubworozi** rizabera ku Mulindi, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, kuva taliki ya 20 kugeza tariki ya 29 Nyakanga 2023. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ni: **"Kuvugurura Ubuhinzi n'Ubworozi binyuze mu ikoranabuhanga, guhanga ibishya n'ishoramari".**

Iri Murikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi rizaba umwanya mwiza wo kwerekana ibishya byagezweho mu buhinzi n'ubworozi. Ni urubuga kandi ruzahuza abamurika n'abasura imurika ngo basangire amakuru n'ubunararibonye kugira ngo hihutishwe ivugururwa ry'ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi.

Ni muri urwo rwego, Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi inejejwe no kubasaba kwiyandikisha mwuzuza urupuro rwagenewe kuzuzwa n'abazitabira imurika ryavuzwe haruguru, ruri ku rubuga rwa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi: www.minagri.gov.rw. Urupapuro rwujujwe rwoherezwa kuri aderesi ikurikira: agrimostaff@minagri.gov.rw cyangwa mukarwizanira ku cyicaro cya MINAGRI bitarenze tariki ya 10 Nyakanga 2023 mu masaha y'akazi.

Tuboneye kandi kubamenyesha ko amabwiriza agenga Imurikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi rya 16 ari ku rubuga rwa MINAGRI: www.minagri.gov.rw

Mukeneye ibindi bisobanuro mwabaza kuri telefoni zikurikira (+250)784010290, (+250)788640537, (+250)788302083 cyangwa umurongo utishyurwa wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi: 4127.

Mugire amahoro.

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES - MINAGRI

**Dr. Olivier KAMANA**
**Permanent Secretary**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi